**Monsieur ABIYINGOMA Ignace**
**USHINZWE UBUBIKO - RUSANGE**
**B.P 1044 KIGALI**

**Kigali, kuwa 22/02/1999**

K'Umunyamabanga mukuru muri
Minisiteri y'Urubyiruko, Umuco na Siporo
KIGALI

Impamvu:
Raporo y'ibyakozwe n'ingamba zafashwe nyuma y'ubujura bw'ibikoresho bya Minisiteri.

Bwana Munyamabanga mukuru,

Nkurikije ibaruwa Minisitiri yandikiye Umunyamabanga mukuru yo kuwa 26/01/1999 N° 031/21.00, nagirango mbamenyeshe ibyakozwe, n'ingamba zafashwe nyuma y'ubujura bw'ibikoresho by'umushinga APTACS n'uw'ingando.

Raporo yabyo iri ku mugereka w'iyi baruwa.

Ndangije mbifuriza imirimo myiza.

**Ushinzwe ububiko-rusange**

**ABIYINGOMA Ignace**

Bimenyeshejwe:
- Umuyobozi wo Kwigisha imyuga iciriritse
- Umuyobozi w'Imirimo Rusange
- Umuyobozi w'Urubyiruko
- Madame RWAMUJUGA Liberta.
- Umuyobozi wa siporo.

# RAPORO Y'IBYAKOZWE N'INGAMBA ZAFASHWE NYUMA Y'UBUJURA BW'IBIKORESHO BYA MINISITERI.

A) UBUJURA BWO KUWA 2/3/1998.

Ku munsi wa mbere tariki 2/3/1998, niho abakozi b'ikigega rusange Bwana KAYISIRE Louis na Mme RWAMUJUGA Liberata binjiye muri Stock basanga hari utwondo turi ku idirishya ryari rimenetse. Byabonekaga ko ari ibirenge by'umuntu, ubwo babona ko bibwe.

Bahereyeko bakora ibarura basanga hibwe rabots 4 na double-metre 14.

ICYAKOZWE

IPEREREZA

1. Twakoze iperereza kubanyezamu bararira (kumanywa no mu ijoro) ibikoresho biri mu ihema kuko ari hafi yabo neza. Batubwira ko batazi uwaba yahanyuze kandi ko yaba atari mu ijoro kuko baba baramwumvise.

2. Tubajije abazamu ba Sitade bahakana bavuga ko batigeze bagira icyo bumva kandi babaga bazenguruka mu birongozi byose. Bakemeza ko bashobora kuba ari abana bahaza baje ku mupira kuko hari kuri week-end. Ikindi cyabonekaga ni uko ababa barahibye bakoresheje abana kuko nta muntu mukuru yahanyura.

INGAMBA

Twasabye ko hongerwamwo izindi grillages zihagije kuko izariziriho zitari zegeranye kandi zitambitse gusa. Ibyo byarakozwe kandi nta bujura bwasubiye kurangwa muri iyo stock.

B. UBUJURA BWO MU NTANGO Y'UKWEZI KWA NZELI

Ku munsi wa kabiri tariki 15/9/1998 mu gitondo, Mme RWAMUJUGA Liberata yinjiye muri stock asanga hari ibintu bisandaye. Yibaza icyasandaje ibyo bintu kandi yasanze inzugi zifunze ! Ubwo yabimenyesheje abo muri APTACS n'ushinzwe ikigega rusange Bwana ABIYINGOMA Ignace.
Hakurikiyeho igenzura ry'aho bamennye. Dusanga ahantu buririye bagafungura akadirishya kari kabuze aka grillage kamwe abariho banyura banahanyuza ibintu bibye.

IBYAKOZWE

1. GUKORESHA IPEREZA

Twahamagaye Brigadier w'abaporisi bari k'uburinzi muri icyo gihe. Araza arabyibonera nawe. Nyuma y'uyu haje umukuru w'abaporisi tumubwira uko twabisanze avuga ko agiye

kubikurikirana. Aliko ubwo tunamumenyesha ko muri icyo gihe hari hashize ibyumweru bibiri abazamu bo mw'ijoro badakora kubera ko bari barahagaritswe kubera iminsi mikuru ya FESPAD. Abari barasigaye aho bari abazamu babiri barindaga ibikoresho by'ingando mu ihema riri hafi y'uruzitiro rwa Sitade. Muri icyo gihe n'abakozi ba Minisiteri ntibabaga hahari kuko bakoraga muri FESPAD hirya no hino mu gihugu.

Uwo mukuru w'abaporisi yatwemeje ko agiye gukora iperereza ariko ntacyo ryagezeho dukurikije uko batubwiye nyuma. Natwe twakoze igenzura muri za boutiques na quincailleries za REMERA kugirango turebe ko hari icyo twahasanga. Ariko ntacyo twashoboye gufata.

2. IBARURA RY'IBYIBWE

Ubwo Mme RWAMUJUGA Liberata afatanije na KAYISIRE Louis wo mu mushinga APTACS na Cécile NYIRASAFARI wo mu mushinga w'ingando bakoze ibaruwa rusangi basanga baribwe ibintu bikurikira :

1. Popeline multicolore : 2
2. Rouleau vert : 1
3. Rouleau rose : 1
4. Rouleau jaune : 2
5. Rouleau blanche : 1
6. Rouleau bleu : 1
7. Suing Machine : 3
8. Ponceuse à main : 2
9. Fer à repasser éléctrique : 2
10. Rabot métallique : 8
11. Bédone ou ciseaux à bois : 5
12. Presse à main : 2
13. Savons : 5
14. Marteau de 2 kg : 83
15. Marteau à fente : 10
16. Foreuse : 1
17. Amasahani : 115

3. ICYEMEZO CYAFASHWE

Gufunga bikomeye ako kadirishya bafunguye biba. Dukurikije uko n'ubundi bakoresha amayeri yo kunyeganyeza amadirishya kugeza aho utwuma tuyafungira imbere twifungura twagerageje kurifungisha n'imigozi yo kongereza ingufu ako kuma. Ayo mayeri twabonyeko ariyo bakoresheje biba na za sièges zo muri za toilettes zo muri C.N.O.R., SIPORO na APTACS.

C. UBUJURA BW'IMIPIRA W'AMAGURU N'IBIKOMBE

Ibyo bikoresho byari bibitse mu cyumba cyo mu Buyobozi bwa Siporo. Byibwe mu kwezi ku Ugushyingo 1998. Babyibye bakoresheje akadirishya ko hejuru bafunguye.
Hashize iminsi mike muri uko kwezi niho umwe mu banyezamu b'ibikoresho by'ingando. UWIHAYE Janvier yibye muri Cantine akoresheje bene ayo mayeri yo guca mukadirishya ko hejuru. Hakorwa iperereza arafatwa. Ubwo iperereza rirakomeza no kubikoresho byo muri

Siporo. Haza gufungwa planton zo mu buyobozi bwa Siporo n'umukozi wa Stade, BIGIRIMANA Emmanuel n'undi mu bazamu b'ibikoresho byo mu ngando Antoine SIBOMANA. Bamaze icyumweru bafungiye muri « Police ». Uwihaye yemeye ibyo bamufatanye gusa ibindi arabihakana. Abandi nabo bavuga ko nta ruhare na rumwe bafite kuri ubwo bujura kandi nta n'uwo babushinja.

Bigeze aho, abo bakozi bandi barafunguwe, uwo wibye agumayo ibyumweru bitatu ariko aza gufungurwa kubera ko abuze umushinja atari ugukeka kuko ntacyo bamufatanye.

Muri iyo minsi twakomezaga iperereza hirya no hino muri za quincailleries na boutiques kugirango turebe aho twafatira n'ikintu na kimwe. Aliko ntacyo twashoboye kubona. Icyo umuntu yavuga ni uko aho uwo munyezamu yirukaniwe nta giherutse kwibwa.

Byemejwe n'ushinzwe
Ikigega Rusange

ABIYINGOMA Ignace